

# **NTURARE UTARIVUZE, IBY'EJO BIBARA AB'EJO**

**By**

**Edison HABİYAREMYE**


**0788549539 & 0738829694**

**KAMINUZA SDA CHURCH  
SRF**

**[habiyaremye@gmail.com](mailto:habiyaremye@gmail.com)**

## 1Abakorinto 13:4-8

**4Urukundo rurihangana  
rukagira neza, urukundo  
ntirugira ishyari, urukundo  
ntirwirarira, ntirwihimbaza,  
5ntirukora ibiteye isoni,  
ntirushaka ibyarwo,  
ntiruhutiraho, ntirutekereza  
ikibi ku bantu, 6ntirwishimira  
gukiranirwa kw'abandi  
ahubwo rwishimira ukuri,  
7rubabarira byose, rwizera  
byose, rwiringira byose,  
rwihanganira byose.  
8Urukundo ntabwo  
ruzashira. Guhanura  
kuzarangizwa no kuvuga  
izindi ndimi kuzagira iherezo,  
ubwenge na bwo  
buzakurwaho**





***Urukundo ni kamere itunganye dukomora ku Mana. Uzitegereze ibyaremwe byose byumvira gahunda bikomora kuri yo.***

**Urukundo nyakuri ni ukwitanga gushyitse, imbaraga za rwo ni ukwiyibagirwa, ubwiza bwa rwo ni ibikorwa. Urufatiro rwarwo ni ukwiyibagirwa ugakorera abandi. Gukunda abandi si ingingo yoroshye, kugira ngo umuntu abigereho, asabwa guhinduka, akagororwa ku giti cye.**

***Guide de formation personnelle,  
p. 38***



**Urukundo ni kamere itunganye,  
abantu benshi  
ntibayisobanukirwa neza.  
Urukundo ntabwo ari igihunga  
giherekwejwe no kugurumana mu  
kwifuza cyangwa rukuruzi hagati  
y'abakiri bato. Oya, urukundo  
ntabwo ari urwo. Urukundo  
rw'ukuri rushingiye ku mpamvu  
nyazo no kumenya umukunzi  
byimbitse. Ariko kandi kwimarira  
mu muntu ukamuha ibitekerezo  
byose n'urukundo rwawe rwose  
na byo si byiza. Ni ugusayisha  
kandi bishira vuba.**



**Mwibuke ko urukundo  
ruhukiyeho ari impumyi.  
Rushobora kukugeza ku bantu  
bakwiriye kimwe n'abadakwiriye.  
Urukundo nk'urwo rukwiriye  
kwitondeshwa maze mugaha  
umwanya ibitekerezo byiza no  
kwibaza byimbitse. Urukundo ni  
impano y'agaciro duhabwa  
iturutse mu ijuru. Urukundo  
nyakuri ntabwo ari  
amarangamutima; ni ihame.  
Abayoborwa n'urukundo nyakuri  
ntabwo ari impumyi kandi  
ntibakora iby'ubupfapfa.**



**Hariho urukundo rumwe nyakuri, ntiruhinduka, ruritanga kandi rurera. Ni ikintu cy'agaciro kenshi kidakunda kuboneka. Hari abita urukundo imibereho yo gutwarwa. Urukundo ni igiti gifite impumuro y'ubumana : rushaka kurindwa no kugaburirwa. Imitima yuzuye urukundo nyakuri, ihumeka amagambo y'urukundo, atera umunezero mu muryango, kandi rugira ingaruka yo gutunganya abagirana umushyikirano n'abarufite. (Urugo rwa Gikristo, p.49)**

# “Ndagukunda”



**Ujya uvuga ijambo ndagukunda cyane? Ubusanzwe ijambo ndagukunda ni ijambo buri wese abwirwa akumva arahindutse muri we bitewe n'ubimubwiye n'ukuntu abantu bariha agaciro cyane kuko ridakunze kuvugwa n'ubonetse wese cyangwa aribwire ubonetse wese igihe icyo ari cyose, kuko iri jambo **"Ndagukunda"** bisa n'aho ari rimwe mu magambo ahabwa icyubahiro na buri kiremwa muntu niyo mpamvu rero akenshi usanga ugiye kurivuga ashaka ahantu hatuje akabibwira uwo yihebeye kuko aba ashaka ko abyumva kabone niyo atahita ahabwa igisubizo cyako kanya.**

# Umwinjizo

- Ijambo **“Ndagukunda”** hagati y’umuhungu n’umukobwa si ijambo rikunda kuza vuba ubusanzwe kuko **urukundo ruzira uburyarya ari ikintu kigoye, gikomeye kandi kidahita gihutiraho.**
- Ku rundi ruhande, mu bushakashatsi bwakozwe n’ikinyamakuru eharmony bugaragaza ko **abagabo bakunda kuvuga ijambo “Ndagukunda” kurusha abagore. Abagabo nibura nyuma y’iminsi 88 na ho abagore bakabitinyuka nyuma y’iminsi 134.**
- Ubu ni ubushakashatsi bwakorewe bihugu bya kure ariko mu Rwanda byo ntibifata iyo minsi nk’iriya.



# **Niba hari uwo wakunze ukaba wifuza kubimubwira menya inzira wabicishamo**



**Icy'ibanza ni ukubanza kubaka umubano n'uwo uteganya gusaba urukundo (Umuhungu cyangwa umukobwa). Si byiza ko uhura n'umuhungu/umukobwa ngo uhite uhuruduka ngo "Nagukunze"! Ese aya magambo yawe hari ireme aba afite? Oya rwose. Kwishimira umuntu bitandukanye cyane n'urukundo. Urukundo rwubakwa uko iminsi igenda ihita (ibikorwa, ibihe n'ibindi bitandukanye). icyo twemeranya ni ukubanza kugirana ubucuti burambye. Niwihutira kuvuga iri jambo mbere yo kubaka ubucuti hagati yawe nawe, azahita abona ko hari izindi nyungu umukurikiyeho.**



**Ku bakobwa ahita abona ko ushaka ko muryamana gusa, ko ijambo uvuze ritavuye ku mutima. Akakubona nk'abandi bose babimubwiye mbere wenda batanakomeje.**

**Akagushyira mu gatebo kamwe nabo kandi bitari bikwiye.**

**Umuhungu iyo wihutiye kumubwira iri jambo nta gihe muramarana, ahita akubonamo ko woroshye cyangwa se uri umukuzi w'amenyo (imvugo ikoresheya n'urubyiruko rw'iki gihe, bashaka kuvuga umuntu utagenzwa n'urukundo ahubwo wishakira ibintu).**

# **Nujya kuvuga iri jambo uzazirikane ibi bikurikira: Irinde**

- 1. Gukoresha ubutumwa bugufi (sms)**
- 2. Kwandika ibaruwa ntabwo abifata nkaho bifite ireme.**
- 3. Kubicisha ku wundi muntu uba ugaragaje kutiyizera.**
- 4. Kuvugira iri jambo ahantu hari umwijima.**
- 5. Gusaba urukundo ahantu hatisanzuye, mu rusaku, hari akavuyo.**

# **Dore icyo wakora:**



**Banza ubagarire ijambo ndagukunda. Ugomba kumwerekwa ibikorwa mbere y'uko umubwira iby'urukundo. Ibikorwa mvuga si ukumugurira ibintu by'igiciro cyangwa se kumusohokana ahantu hahambaye!**

**Ahubwo mwereke ko umwitayeho, umuganirize kenshi, umufashe mu tuntu duto... Bizashyira kera nujya kuvuga iri jambo usange ubaye nk'uworosora uwabyukaga, naho nubimubwira nta sano muragirana idasanzwe, uzisanga hanze y'ikibuga. Ibi byoze nubwitaho nzi ko uzampa ubuhamya ko byagenze neza!**

**Hari intambwe umusore ushaka  
gutereta yakurikiza akaba  
yahirwa n'urugendo rw'urukundo**





## **1. Ba uwo uri we**

Wishaka kumwiyereka uko utari. Abakobwa bakunda abahungu bigaragaza uko bari, batagira ibikabyo byinshi. Ikiruta ibindi koresha impano uzi wifitemo. Wigerageza kwigira nkundi muntu ngo ukunde umukurure. Natakwishimira uko uri nubundi ntakindi wakongeraho.

## **2. Mwegere muganire**

Ntazigera akumenya mutaganiriye. Shaka uburyo bwose mwagirana ikiganiro. Biba byiza muganiriye imbona nkubone. Si byiza kumwoherereza ubutumwa bugufi, guca kuri facebook cyangwa whatsapp. Mwegere muganire imbona nkubone. Ikibanze ni ukubanza kumwigaho no kumumenya bihagije: Ibyo akunda, ibyo yanga. Ugomba kandi kubanza gushaka amakuru yose amwerekeyeho.

### **3. Tereta**

- **Ugomba gutangira gutereta ariko muburyo bworoheje kuburyo atamenya neza icyo ugamije. Ntagomba guhita abona ko uje kubaza izina. Wikwirirwa umwiruka inyuma. Gira n'igihe cyo kwiburisha igihe runaka utume agukumbura. Kumwitsiritaho sibyo bituma agukunda .**

### **4. Ivuge**

- **Menya ko ari wowe ubu ugezweho, wizana mu kiganiro abandi bahungu. Uzatuma afata umwanya wo kubatekerezaho, abe yabakurutisha kandi uri mu irushanwa. Vuga ibyawe bikwerekeyeho. Wisebya bagenzi bawe ngo akunde akwemere. Ahubwo akubona nk'umuntu ugira amagambo menshi, ishyari n'izindi ngeso mbi kandi ntibiguhesha amanota.**



## **5. Mufashe**

**Mu bintu byagufasha gutsindira umutima w'umukobwa, kumuba hafi iteka ni icya mbere. Muhe ubufasha agukeneyeho: Mube hafi mu gihe cy'akababaro/ibyishimo, mujyane mu munsu mukuru, mufashe mu masomo ye, muhe ubufasha agukeneyeho ariko utarengereye ngo wigire umuterankunga! Nurengera uzaba inshuti isanzwe kuruta uko wamubera umukunzi. Azakunda amafaranga umuha ntazaba akunze wowe. Nashira cyangwa bigahinduka ubwo muzaba mubyaranye abo.**

## **6. Ubaka icyizere**

**Icyizere nacyo kiri mu bintu umukobwa aba yifuza ku muhungu. Numwereka ko uri umwizerwa, azakubwira ikimuri ku mutima cyose. Iyi ntambwe ni ingenzi cyane. Uzaba uri kurushaho kumwegukana kuko uba watangiye kwerekana itandukaniro.**





## **7. Mutake**

**Kumuhora hafi bizamushimisha. Muhe umwanya abone ko umwitayeho. Muganire ku buzima busanzwe, mubwire ibyiza umubonaho: uko yambara neza, uko aseka neza, ingendo ye inyura bose, uburanga burangaza abahisi n'abagenzi...ariko wirinde gukabya cyane kuko yabibonamo uburyarya.**

## **8. Wikwihuta**

**Abakobwa ntibakunda umuntu wihutisha ibintu. Wihita umubwira ko umukunda. Banza ube inshuti isanzwe kandi yibonamo. Tegereza igihe azarekere gutekereza no kuvuga abahungu bakundanye mbere yawe. Mu gihe ubona gikwiriye abe aribwo uzarikocora.**



## **9. Irinde fata fata**

**Wamubajije izina umukunze. Wikwiruka mu bakobwa. Umuntu wese ntiyakwifuza kubona umukunzi we amubangikanya n'abandi. Abakobwa ntibakunda abahungu batajya baguma hamwe. Agatima kawe kihora karehareha.**

## **10. Ihangane**

**Niba izi inzira twabonye zitari gucamo uko ubyifuza, ihangane. Komeza ushyiremo agatege. Ashobora kuba ari kukugerageza ngo arebe koko niba uri umuhungu ufatika.**

## **11. Mwerekane**

**Niba byaracyiyemo, mwerekane. Wamusanze umukunze. Mwerekane inshuti zawe, umuryango. Si igitegwajoro. Abakobwa bakunda umuntu ubereka ko bafite agaciro**



# **Irinde urukundo rw'agahararo nk'uwirinda ibibembe**



# **Kwirinda agahararo nk'ibibembe:**

**Ibitekerezo n'urukundo rw'agahararo bikwiriye kwirindwa nk'uwirinda ibibembe. Abasore n'inkumi benshi bo muri iki gihe ntabwo baboneye ; ni cyo gituma bakwiriye kwitonda cyane... Abajyaga bagira ingeso zitunganye, nubwo bagira intege nke mu bindi, bakwiriye kutagira umugayo muri ibi.**

**Hari abantu mu gihe runaka bagiye bagira ishusho yo kwera ariko kuri ubu bakaba babaho batagira Imana no gukabakabwa k'umutima. Ni abapfu n'abanyamahomvu, ibiganiro byabo biragayitse cyane.**

**Urugo rwa gikristo, p.42**

# Urukundo VS agahararo

- **Urukundo ni impano nziza duhabwa kuri Yesu:** Urukundo ni impano nziza duhabwa na Yesu. Ubugwaneza butunganye kandi bwera si icyo wiyumvamo, ahubwo ni ingeso. **Abayoborwa n'urukundo nyakuri ntabwo baba abanyabwenge buke cyangwa impumyi.**
- Urukundo nyakuri, rwiza, rukiranutse, rutunganye ni ruke cyane rwose. Icyo kintu cyiza cyane ni ingume pe. Agahararo ni ingirwarukundo.
- Urukundo nyakuri ni ingeso iruta izindi kandi yera iciye ukubiri rwose n'iy'urukundo rubyukijwe n'irari rije gitunguro, kandi rugapfa mu kanya gato iyo rugeragejwe cyane.
- **Urugo rwa gikristo, p.41**

# **Urukundo rutunganye ruhabanye n'irari:**

- Rushyira mu gaciro kandi si impumyi. Rurera kandi ruraboneye. Ariko irari ry'umutima wa kamere rihabanye na rwo.
- Mu gihe Urukundo rutunganye ari rwo rushyira Imana mu migambi yarwo yose, kandi rugafatanya neza n'Umwuka w'Imana, ariko urukundo rw'agahararo ntiruhanwa, rurahubuka, ntirushyira mu gaciro, ntirukomwa imbere, icyo rwikundiye rukigira ikigirwamana cyarwo.
- Mu ngeso zose z'umuntu ufite urukundo nyakuri, hazabonekamo ubuntu bw'Imana. Ituzza, ubupfura, gukiranuka, kuba intungane, kubaha Imana bizagaragaza intambwe yose yerekeza ku gushyingirwa.

**Urukundo nyakuri si kamere igurumana kandi ihutiraho. Ahubwo, kamere yarwo ni amahoro kandi rukaba rwinshi. Rureba hirya y'ibigaragarira amaso gusa, kandi rugakururwa n'ingeso nziza gusa. Urukundo rugira ubwenge kandi rufite ububasha bwo kurobanura, maze umugambi warwo ukaba uw'ukuri kandi ukagumaho. Urukundo ruvanywe mu butegeka bwo kwifuza no kurarikira, rukayoborwa n'ubwenge bw'umwuka, rugaragarira mu magambo no mu mirimo.**

**Ibintu 10 biranga  
urukundo  
rw'agahararo**







- 1. Uru rukundo ruba rushingiye gusa ku byo umuntu yashimye ku wundi bigaragara inyuma**
- 2. Urwo rukundo rutuma umuntu atabona aho undi afite intege nke n'ibyiza afite rukabikabiriza.**
- 3. Uru rukundo rugereranywa n'akazu kubakishije umucanga gusa kuko rutaramba cyangwa ngo rumare igihe: rurashyuha, rukamenyekana henshi ariko rurangira vuba. Aha ngo ukunda umuntu nyuma y'ukwezi wabona undi umurusha ibyo wakurikiye kuri we ukaba uramuretse wagukiye wa wundi.**
- 4. Iyo havutse akabazo gato hagati y'abakundana, uru rukundo ruhita ruhagarara, mbese urukundo rw'agahararo ntiruzi kwihangana.**



5. **Uru rukundo rutangira kandi rukemeranwaho nta gihe cyo gutekereza kibayeho, rufatiraho, kandi nta gihe cyo kumenyana rugira.**
6. **Urukundo rw'agahararo ruba rufite impamvu ariko zishingira cyane ku kwikunda.**
7. **Urukundo rw'agahararo rugendera ku marangamutima y'abandi ntirwigera rwifatira icyemezo.**
8. **Urukundo rw'agahararo rubuza amahoro. Kuko ruba rwarakurikiye imimerere igaragara inyuma nk'uburanga cyane cyane, imyambarire n'ubutunzi. Iyo ibyo byose uwari wabikurikiye atakiri kubibona kuri mugenzi we atangira kubura amahoro yibaza uburyo agiye kwishakira abandi babifite ndetse anibaza uko agiye kuruvamo n'uwo utakiri kumugaragarira nka mbere.**



**9. Urukundo rw'agahararo nta kuri rugira, ruriyoberanya, rurirarira. Guhishanya biraruranga, urufite ntiyigera yumva yakwiyereka mugenzi we uko ari, ahora yirata ibyo afite n'ibyo adafite yaba imitungo, imibereho n'amateka y'ubuzima akurikije uko abona mugenzi we, nubwo ashobora kuba amwibeshyaho.**

**10. Uru rukundo rw'agahararo nta ntambwe ruterana n'iyoywayitera ruba rugira ngo rwigererere kuri bimwe mu byo rwakurikiye nk'ubutunzi cyangwa se igitsina. Aha ni hamwe ukunda azajya akosereza mugenzi we nabimubwira yumve ntacyo bimumutwaye, nta mbabazi yamusaba cyangwa ngo yihatire kwihana iryo kosa ubutazarisubira. Naramuka amusabye imbabazi ntazabikorera kuko yumva yahemukiye mugenzi we, ahubwo azazimusabira kugira ngo icyo amutezeho atagihagarika.**



**Niba wifitemo  
kimwe muri ibi  
bimenyetso umenye  
ko ufite ingorane yo  
guhubuka mu  
rukundo.**

## **1. Gushaka kwishumbusha vuba**

**Rimwe mu makosa benshi bagwamo ni igihe, umuntu atandukanye n'umukunzi we bari bamaranye igihe, agashaka kwishumbusha undi ndetse akabigaragaza mu ruhame bataranamenyana neza.**

**Ibi bikorwa nk'iturufu yo kwikura mu bwigunge n'ubuzima bwa wenyine, bituma abyihutisha yumva ko bizaramba ariko akenshi bikarangira umwe atengushye undi.**

**Abahanga mu by'imibanire basobanura ko nyuma yo gutandukana hakwiye kubanza kubaho kwisuzuma no gutegura urukundo rwawe rw'ahazaza utazongera gutsikira.**

## **2. Kwandikirana ubutumwa bugufi bwa buri kanya**

**Ikindi kimenyetso kigaragaza guhubuka mu gihe cyo kurambagizanya, ni ikoresha ry'ubutumwa bugufi bwa buri kanya. Akenshi iyo umwe yandikiye mugenzi we ntamusubize bibiba umwuka mubi ndetse umwe akaba yagaragara nk'ubuza mugenzi we amahwemo.**



**3. Kwishushanya wanga kubabaza uwo ukunda.** icyizere hagati y'abakundana cyubakwa buhoro ndetse ntabwo gikwiye kuba ikiguzi cy'ibyo wirengagiza cyangwa wigomwe wabikundaga ngo umuntu akwizere. Kuremamo umuntu icyizere ntibisaba kwibabaza ahubwo ibikorwa bihura n'ibyo uvuga ariko ugakomeza ukaba wowe, aho guhinduka uwo utariwe.



#### **4. Gukururana ahantu hose**

Abahanga mu by'imibanire bagaragaza ko gukururana hagati y'abakundana haba mu kazi cyangwa mu rugo bishobora guteza ikibazo mu rugendo rwo kurambagizanya. Bamwe babigereranya n'umuriro ugurumana ariko uzima vuba.



## **5. Kumwinjiza mu mishinga y'ahazaza**

**Inzobere mu by'imibanire muri Leta ya New York, Moshe Ratson, yavuze ko abantu biruka mu rukundo usanga uyu munsi yakubwiye ijambo “ndagukunda”, bwacya agatangira kugushyira muri gahunda ze.**

**Abantu benshi bitiranya urukundo no kuba mu rukundo kuko mu ntangiriro uba ukunda umuntu ariko uko ugenda umumenya nibwo wavuga ko uri mu rukundo kuko uba umeze nk'uwabonye uwo mukomezanya ubuzima ukaba wanagirana gahunda zihariye nawe.**



## **6. Kutita ku byo mutumvikanyeho**

**Birasanzwe ko abantu hari ibyo batumvikanaho ariko kwiyumvisha ko ubwo icyo umukunzi wawe yahakanye azageraho akisubiraho ni icyerekana ko wihuse. Abakundana bagomba kuganira ku ngingo zitandukanye zaba iz'idini n'indi myemerere, bakabivaho bafashe umwanzuro.**

## **7. Kwihutira kuvanga umutungo**

**Imwe mu ngingo ikunze kugarukwaho cyane ku bitegura kurushinga ni uburyo bazajya bakoresha umutungo wabo. Kuvanga umutungo si bibi ariko bikunda gutera ikibazo iyo bikoze bihubukiwe.**

**Inzobere mu by'imibanire zemeza ko kurambagiza ari urugendo, rugira intambwe ruheraho, rukagenda rukura, kugeza rushibutsemo ubumwe bwa babiri bemeranya kubana akaramata**



# **Amagambo ahwanye na “ndagukunda”**

- 1. Aho uzaba hose nzaba ndi kumwe nawe:** Wari wabwirwa iri jambo ngo wumve ukuntu riryoha. Si ugupfa kurivuga gusa kuko riraremereye. Kumva umuntu umubwiye ngo nzaba aho uzaba uri hose n’iby’agaciro gakomeye by’umwihariko ku bantu bakundana. Ni byiza kuribwira umukunzi wawe kenshi muri ahantu hatuje, mwishimye atari mu bibazo kugira ngo adakeka ko ari bya bindi bisanzwe byo kwihanganisha uwagize ibibazo wese.
- 2. Uri uw’agaciro kuri njye:** Ubusanzwe tuzi ko ibyo twagereranya nk’iby’agaciro ari zahabu n’ifeza wenda rimwe na rimwe hakaza n’amafaranga menshi. Ibaze rero umuntu akubwiye ko uri uw’agaciro kuri we byaba biryoshye kubyumva kurusha uko yakubwira ngo ndagukunda.

**3. Umfatiye runini.** Mu buzima bwa muntu akenera umufasha mu buzima bwa buri munsu. Umuntu abana n'abantu benshi mu buzima, afashwa n'abantu benshi kandi bakomeye. Ngaho rero ibaze umuntu kugutoranya mu bandi benshi bamufasha cyangwa bamuba hafi akakubwira ngo umfatiye runini muri make  $\frac{1}{2}$  cy'ubuzima bwe ni wowe umugize.

**4. Nkwibonamo:** Ibaze uhuye n'umuntu akakubwira ngo nkwibonamo. Urumva ukuntu byaba bimeza bishatse kuvuga ngo iyo akubonye aribona nkuko nta wakwiyifuriza ibibi ubwo bivuze ko nawe yakwifuza ko uhora mu bihe byiza gusa.


**5. Tuzasazana:** Ni ijambo abantu badakunze guha agaciro ariko rirakomeye kandi riryohera abakundana kuribwirana ndetse kenshi. Si benshi bakundana ngo bagere ku iherezo ry'ubuzima bwabo bakiri kumwe. Ingo nyinshi muri iki gihe ziri gutandukana zitamaze kabiri, iri jambo rero kuribwira uwo ukunda ni ikimenyetso ko nubwo hari benshi bitameze neza mu rukundo rwabo bikaba byabaca intege, iri jambo rimurema agatima akumva arahumurijwe.

❖ Noneho umva iri ryo uko rivuga ubwo uriyumvisha gusazana n'umuntu hatabayeho urupfu nta kindi cyabatanya. Iri naryo riri mu magambo aryohera ugutwi cyane kurusha ndagukunda.

# **Tumenye ikibuga turimo gukiniramo.**

- Muri iyi minsi y'akaga no gusayisha mu bibi, urubyiruko rwugarijwe n'ibigeragezo n'ibishuko byinshi. Benshi baravugama bagana ku cyambu kiriho amakuba.
- Bakeneye umusare ubayobora, nyamara ibyo kwemera umufasha bakeneye cyane babibigira urw'amenyo.
- **Bibwira ko bashoboye kwiyo borera ubwabo bwato, bityo ntibabona ko bwenda gusekura igitare gihishe gishobora guteza kumeneka k'ubwato bwabo bwo kwizera n'umunezo.**
- **Batwawe ingamira n'ingingo yo kurambagiza no gushyingirwa kandi umutwara w'ingenzi ubaremereye ni ukwishakira inzira yabo bwite.**

**Muri ibi, ari nacyo gihe cy'ingenzi cyane mu mibereho yabo, bakeneye umujyanama utibeshya, bakeneye umuyobozi utayobya. Uyu muyobozi bazamubona mu Ijambo ry'Imana. Keretse gusa nibaba abigishwa b'iryo jambo badakebakeba, naho ubundi bazakora amakosa akomeye azangiza umunezero wabo n'uw'abandi, haba muri ubu buzima bwa none n'ubwo mu gihe kizaza.**



# Ubutumwa ku basore, ch.153, p.443



**“Abasore benshi bafite umwuka w’ubuhubutsi no kuba intumva. Ntabwo bumviye inama nziza y’ijambo ry’Imana. Ntabwo barwanye n’inarijye ngo bagere ku ntsinzi ikomeye; bityo ubwibone bwabo no kudaca bugufi bwabo byabateshuye mu nzira yo gusohoza inshingano yabo no kumvira. Ncuti basore, musubize amaso inyuma murebe mu mibereho yanyu y’igihe cyashize, maze mugenzurire imigendere yanyu mu mucyo w’ijambo ry’Imana mutihenda.**

# Umwanzuro



**Ubuzima bwawe  
ntukabutegure  
nk'ubusitani buri wese  
yakwinjiramo,  
akabutemberamo,  
akabwifotorezamo,  
yarangiza agasohoka  
akigendera. Ahubwo  
uzabutegure nk'aho  
ari izahabu iri kure ya  
buri wese nuko  
uyigezeho amenye ko  
afite iby'agaciro.**